Allah yaravuze ati: Yewe mwene Adamu, jya utanga mu byo naguhaye, nanjye nzajya nguha ibyo ucyeneye

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Allah yaravuze ati: Yewe mwene Adamu, jya utanga mu byo naguhaye, nanjye nzajya nguha ibyo ucyeneye."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu yavuze ati: Yewe mwene Adamu jya witanga - byaba iby'itegeko cyangwa se ibyo ushishikarizwa gukora-, nanjye nzakwagurira mu byawe, nguhe ingurane y'ibyo watanze, ndetse nabigushyiriremo imigisha.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5805